Lundi 23 janvier 2012

# Uruganda rwa Kagame ku musozi wa Nkoma rugiye kumara abaturage !



Ubuzima bw'abaturage ntacyo bubwiye Kagame, inyungu ze nizo zonyine ashyize imbere.

***Source: leprophete***

Kagame yubatse uruganda ku muhanda Gitarama-Ngororero nko mu birometero bitanu uvuye mu mujyi wa Gitarama. Urwo ruganda rusya amabuye y'imitsimbi rukanayacukura. Aho ruherereye ni ku musozi wa *Nkoma*, aho bakunze kwita kwa*Nkoma ya Nkondogoro*, akagari ka *Tyazo*, umurenge wa *Muhanga*, akarere ka*Muhanga*, intara *y'Amajyepfo*. Akaba ari ahahoze ari segiteri *Mata*, komini*Mushubati*, perefegitura *Gitarama*.

Iyo uhagaze ahirengeye ubona uyu musozi wa Nkoma wapfukiranwe n'ibyotsi n'ibikungugu by'uru ruganda, ingo zazimangatanye. Usanganirwa kandi n'urusaku rwinshi rw'ibimashini bihinda, bitogota cyane. Abaturage baho bavuga ko bagiye gupfa urupfu rubi bazira guhumanywa n'uru ruganda Kagame n'umugore we Jeannette Nyiramongi bubatse hagati y'ingo zabo.

Mu masaha ya nyuma ya saa sita bwo, uterwa ubwoba n'urwamo rw'intambi zituritswa n'uru ruganda. Izi ntambi zitumbagiza amabuye menshi mu kirere yaka umuriro yahindutse ibishirira, aho amanukira ku mazu y'abaturage akayasenya naho

ugize ibyago rikamugwaho rihita rimwahuranya. Kubera gutinya Kagame, baba abayobozi b'inzego z'ibanze, baba abanyamakuru batandukanye babwiwe iki kibazo ntawigeze akigeza ibukuru cyangwa ngo agitangaze, bararuciye bararumira.

Abaturage baturiye uru ruganda no mu nkengero zarwo bavuga ko imyotsi n'imikungugu byarwo birimo kubahumanya ku buryo bamwe mu bahaturiye batangiye kurwara igituntu kandi n'umubare w'abacyandura bo muri ako gace ukaba ugenda wiyongera. Benshi mu baturage baho kandi barwaye inkorora n'ibicurane bidakira, bahora bakonkoma. Kubera urusaku rw'ibimashini rukoresha n'intambi ruturitsa, bamwe mu baturage baho barwaye indwara z'umutima no kwikanga ubusa. Abaturage bemeza ko izi ndwara ari ingaruka mbi zituruka k'uru ruganda rwa Kagame. Hari kandi n'abaturage bagiye bakomeretswa n'amabuye aturitswa n'uru ruganda.

Uretse indwara, uru ruganda rwateye abaturage b'aka gace ubukene kuko intambi zituritswa n'uru ruganda zabasenyeye, inzu zirava ndetse hari n'izenda guhirima. Ikindi ngo izi ntambi zituma batikorera imirimo uko bikwiye kuko iyo zigiye guturika basabwa kuva aho batuye bakajya kure yaho, uwakoraga umurimo arawuhagarika.

## Kagame arakoresha igisirikare cy'igihugu mu nyungu ze bwite



Uru ruganda rubangamiye cyane ubuzima bw'abaturage!

Uru ruganda rurinzwe n’abasirikare bo mu mutwe urinda perezida (garde présidentielle cyangwa abajepe) ndetse n’abo muri Military Police, bamwe muri bo bambaye gisivile. Iyo bagiye guturitsa intambi aba basirikare bajya mu muhanda Gitarama-Ngororero bagahagarika ibinyabiziga umwanya munini kuburyo abagenzi bafite gahunda zihutirwa nk’abagiye ku kazi bahakerererwa, bikabagiraho ingaruka ku kazi bakora. Aba basirikare umuturage bahuye na we muri icyo gihe cyo guturitsa urutambi baramwahuranya. Abanyonzi, abamotari n’abandi batwara ibinyabiziga bitari umwihariko w’abo mu kazu k’Abasajya babagoreweho.

## Barasaba ko uruganda ruhumanya rwa Kagame rufungwa



Uru ruganda rubangamiye abaturage cyane, rukwiye gufungwa cg bagahabwa ingurane, bakimuka , bakajya kwiturira ahandi!

Kubera ingaruka mbi uru ruganda rukomeje kugira kuri rubanda, abaturage baruturiye kimwe n’abagenzi banyura hafi yarwo barasaba ko rwafungwa. Barasaba kandi ko abangirijwe n’uru ruganda bahabwa indishyi z’ibyangijwe. Nanone barasaba kuvuzwa indwara batewe n’uru ruganda. Mu gihe uru ruganda rwaba rukomeje gukorera aho, abahaturiye barasaba ko bahabwa ingurane cyangwa bakishyurwa nk’uko biteganywa n’amategeko maze bakigira gutura ahandi. Naho abashoferi n’abagenzi, barasaba ko uru ruganda ruhumanya rwakwimukira kure y’umuhanda kuko ruhumanya abahisi n’abagenzi, rukabakerereza, rukabangiriza ibinyabiziga

ndetse n’intambi zarwo zikaba zihahamura rubanda n’ubundi isanzwe yarabaye ibishushungwe kubera inkeke bahozwaho.

Barasaba kandi perezida wa repubulika kureka gukoresha inzego za Leta (igisirikare) mu nyungu ze bwite kuko izo nzego zashyiriweho gukorera rubanda. Byongeye, aba baturage barasaba abasirikare kumva ko ari ingabo z’igihugu, atari ingabo z’umuntu umwe ku giti cye, maze bakitandukanya na we ntibemere gukora imirimo abakoresha itari iya Leta. Ahubwo ibiri amambu bakagira akanyabugabo ko kurwanirira abaturage, kubatera inkunga no kubashyigikira kugirango akarengane kari muri uru Rwanda kaveho.

**Mutimutuje Amina**
**i Kigali/Rwanda**